No 212 Mata 2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## MU KWIBUKA ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE, HIBUKIJWE KO JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YATEGUWE N'ABANYAPOLITIKI



Hon. Bernard Makuza, Perezida wa Sena, ashyira indabo ku mva

*Tariki 13 Mata buri mwaka, ni umunsi hasozwa icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 mu Rwanda, umunsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bishwe bazira ibitekerezo byabo byo kurwanya Leta y'igitugu n'ivangura; uyu muhango ukabera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruri mu Karere ka Kicukiro.*

Ubwo hasozwaga icyi cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 24; uyu mwaka wa 2018, Perezida wa Sena, Hon. Bernard Makuza niwe wayoboye uyu muhango yunamira abanyapolitiki 12 bahashyinguye, n'abandi batutsi bazize Jenoside barenga 14 000.

Nyuma yo gushyira indabo ku mva no kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguye muri urwo Rwibutso, Perezida wa Sena Hon. Bernard Makuza yavuze ko iyo u Rwanda rugira abanyapolitiki benshi bitandukanya n'umugambi mubisha wo gutsemba Abatutsi, bagaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, Jenoside yakorewe Abatutsi itari kubaho cyangwa ngo igire ubukana nk'ubwo yagize.

Yagize ati: *"Iyo abanyapolitiki nk'aba baba benshi, Jenoside yakorewe Abatutsi ntiba yarabayeho cyangwa se ngo ibe yaragize ubukana ku rwego yakozwemo igahitana abarenga miliyoni."*

Yakomeje avuga ko kwibuka abanyapolitiki bazize ibitekerezo byabo byiza ari ukubafataho urugero n'umukoro wo kwanga ivangura n'amacakubiri ayo ari yo yose no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda.

Perezida wa Sena yavuze ko kwibuka ari umuco n'imyemerere y'Abanyarwanda bo hambere bafataga umwanya wo guha icyubahiro ababo batabarutse kuko bumvaga ko nubwo umuntu yitabye Imana ariko ibye byose bitaba birangiye. Ngo ibyo byerekana agaciro umuntu yahoranye mu muryango nyarwanda n'uburenganzira bwe.

Yongeyeho ko gahunda yo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi, yo ari uburyo budasanzwe buturuka mu mateka ya vuba y'Igihugu; amateka yabaye mabi, bishingiye kuri politiki mbi yimakajwe y'ivangura, amacakubiri n'urwango, byagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe abatutsi, igashegesha bikomeye umuryango Nyarwanda.

Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, *Hon. MUKAMANA Elisabeth* mu ijambo rye, yavuze ko abanyapolitiki twibuka ku nshuro ya 24 bazize ubutwari bwabo bwo kwanga ikibi, biyemeza kurwanya ingoma y'Igitugu, baharanira ko Igihugu cyarangwa n'imiyoborere iboneye; imiyoborere ibanisha Abanyarwanda. Bikaba rero bitaroroheye kuko ubutegetsi bwariho bwari bufite ibyangombwa byose byabufashije gushyira mu bikorwa umugambi wabwo wa Jenoside.



Hon. MUKAMANA Elisabeth, Umuvugizi w'Ihuriro

Yibukije abari aho n'Abanyarwanda bose ko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki b'abanyakuri bagize uruhare rukomeye mu rugamba rwo kurwanya ingoma y'Igitugu no guhagarika Jenoside. Avuga ko impamvu yo guteranira aho abanyapolitki bashyinguye ari ukugira ngo bongere bibuke inshingano zabo bo bariho zo kubanisha neza abanyarwanda, babahe icyubahiro bakwiye, kandi bakomeze kubashimira ubutwari bwabo n'ubutagamburuzwa bagize.

Umuvugizi w'Ihuriro yasoje avuga ko mu gukomeza kwibuka twiyubaka, Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki, muri iki gihe yafashe umurongo uboneye wo gukora politiki yubaka. Biyemeje gukora Politiki ishyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, kujya inama kenshi, guharanira Ubumwe bw'Igihugu n'ineza y'Abanyarwanda bose. Biyemeje kubaka imiyoborere myiza, iharanira imibereho myiza n'iterambere ry'Abanyarwanda bose.



Imiryango y'abashyinguye muri uru Rwibutso ishyira indabo ku mva.

Abanyapolitiki bashyinguye mu Rwibutso rwa Rebero ni Faustin Rucogoza wari mu Ishyaka MDR; hari Landouard Ndasingwa, Charles Kayiranga, Aloys Niyoyita, Venantie Kabageni, Andre Kameya, Jean de la Croix Rutaremara na Augustin Rwayitare bari mu Ishyaka PL; hari Frederic Nzamurambaho, Felicien Ngango na Jean Pierre Mushimiyimana bari mu Ishyaka PSD. Hari kandi Joseph Kavaruganda wari Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza n'Urukiko Rulinda ubusugire bw'Itegeko Nshinga.

## ABAVUGIZI BASHYA B'IHURIRO BASABWE KWITA KU BYO ABACYUYE IGIHE BATAGEZEHO



Hakorwa ihererekanyabubasha

Tariki ya 29 Werurwe 2018, Inama Rusange y'Ihuriro yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro aribo Hon. MUKAMANA Elisabeth, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PPC, ku mwanya w'Umuvugizi wasimbuye Bwana NIZEYIMANA Pie, uturuka mu Umutwe wa politiki wa UDPR, ishyiraho kandi Hon. MUNYANGEYO Theogene, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PL, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije wasimbuye Madamu UWINGABE Solange, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PSR. Nyuma yo gushyirwaho, kuri uyu wa Kane tariki ya 05 Mata 2018 ku Cyicaro cy'Ihuriro, hakozwe ihererekanyabubasha hagati y'abo bavugizi bashya n'Abavugizi bacyuye igihe. Abagize Biro nshya basabwe gukomeza kwita kubyo Biro icyuye igihe itabashije kugeraho, birimo gukomeza gushaka abafatanyabikorwa batera inkunga ibikorwa binyuranye by'Ihuriro, kuvugurura amategeko agenga Ihuriro; uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro,.

Muri uyu muhango w'Ihererekanyabubasha, Umuvugizi ucyuye igihe Bwana NIZEYIMANA Pie yashimye imikoranire yaranze Biro n'abakozi b'Ihuriro, avuga ko inshingano zabo zitagerwaho badakoranye bya hafi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. Mu ijambo rye kandi, yabwiye abagize Biro nshya ko mu gihe cya manda yabo bakoze ibikorwa byinshi birimo gutegura no kuyobora Inama Rusange, iza Biro n'iza Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, gukurikirana itangwa ry'amahugurwa y'abayoboke b'Imitwe ya Politiki, n'ibindi.

Bwana NIZEYIMANA Pie yashyikirije Biro nshya inyandiko zitandukanye zirimo ibyemezo by'inama z'Inama Rusange z'Ihuriro zateranye kuri manda yabo na Raporo y'ibikorwa mu gihe cya manda yabo kuva bajyaho muri Nzeri 2017.

Abagize Biro bashya bashimye akazi kakozwe n'abo basimbuye, bizeza ko bazakomeza guhanahana amakuru mu nyungu rusange z'Ihuriro. Bijeje kandi ko bazakomeza gukora ibikorwa biteza imbere Ihuriro cyane cyane bashyira imbere inshingano zabo.

## IHURIRO RYATEGUYE UMWIHERERO W'ABAGIZE KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO



Abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro

*Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Inzego z'Ihuriro, hateguwe umwiherero w'umunsi umwe w'abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro bemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 29 Werurwe 2018. Uwo mwiherero wabaye tariki ya 21 Mata 2018, ubera muri Hotel MARASA UMUBANO ku Kacyiru, ukaba wari ugamije guhuza abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro kugira ngo bamenyane banasobanurirwe inshingano zabo.*

Uretse abagize Komisiyo bashya, umwiherero wanitabiriwe na bamwe mu bagize Komisiyo zashoje manda, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, na bamwe mu bakozi bo mu Bubunyamabanga Nshingwabikorwa b'Ihuriro.

Uyu mwiherero w'abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro watangijwe ku mugaragaro n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Depite MUNYANGEYO Theogene, washimiye abawitabiriye yibutsa ko Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 29 Werurwe 2018 yashyizeho inzego z'Ihuriro, ahemejwe abantu babiri (2) bagize Biro y'Ihuriro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa , n'abantu makumyabiri n'umwe (21) bagize za Komisiyo eshatu (3) zihoraho z'Ihuriro ari zo: *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi nzego*; na *Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo*.



Umuvugizi Wungirije atangiza inama

Yakomeje agaragaza ko kugira ngo abagize Komisiyo z'Ihuriro bashobore kurangiza neza inshingano zabo bagomba kuba basobanukiwe inshingano nkuru z'Ihuriro, zigizwe ahanini n'uko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga ruhoraho rwo kunguraniramo ibitekerezo bya politiki hagamijwe kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Ihuriro rikaba riteza imbere amahame ya demokarasi ishingiye ku bwumvikane, kongera ubushobozi bw'Imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki. Ihuriro kandi ni urwego rufasha gukemura amakimbirane no guteza imbere indangamyitwarire ikwiye kuranga abayobozi b'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo.

Mu ijambo rye, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro yashimiye abari bagize Komisiyo zacyuye igihe, ko bakoze neza inshingano zabo, bafasha Ihuriro kugera ku nshingano zaryo no gutera imbere. Yabashimiye uburyo bakoranye umurava, ubwitange, bagakora ku buryo bahuza inshingano z'akazi kabo gasanzwe no kurangiza inshinano zabo mu Ihuriro.
Muri uyu mwiherero hatanzwe ibiganiro bitatu ku nshingano za Komisiyo, byatanzwe n'abari abayobozi bazo bacyuye igihe.

Nyuma yo gusobanurirwa inshingano za Komisiyo no kugezwaho bimwe mu byo za Komisiyo zagezeho, hakurikiyeho igikorwa cyo gutora abantu babiri (2) bagize Biro ya buri Komisiyo, igikorwa cyabaye mu matora yateguwe aho buri Komisiyo yateranye ukwayo mu nama yayo ya mbere ya manda. *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,* Perezida wa Komisiyo watowe yabaye Depite NKUSI Juvenal ukomoka mu Mutwe wa politiki wa PSD, naho Visi Perezida wa Komisiyo aba Madamu MUKAMPUNGA Epiphanie ukomoka mu Mutwe wa politiki wa PPC.

*Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nzego,* Perezida wa Komisiyo yabaye Depite NYIRAHIRWA Veneranda ukomoka mu Mutwe wa politiki wa PSD, Visi Perezida wa Komisiyo aba Madamu NTAKIRUTIMANA Renatha ukomoka mu Mutwe wa politiki wa UDPR.
*Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo,* Perezida wa Komisiyo yabaye Madamu MUTIMUKEYE Nicole ukomoka mu Mutwe wa politiki wa PL, Visi Perezida wa Komisiyo aba Madamu NYIRANEZA Esperance ukomoka mu Mutwe wa politiki wa PDC.
Nyuma y'iki gikorwa, habaye ihererekanyabubasha, hagati ya Komisiyo nshya na Komisiyo zicyuye igihe.

## DELEGASIYO YATURUTSE MU NTARA YA GAUTENG MU GIHUGU CY'AFURIKA Y'EPFO YASHIMYE DEMOKARASI Y'U RWANDA



Abagize Delegasiyo yo muri Afurika y'Epfo bakurikiye ikiganiro

*Mu rugendo shuri rwa bamwe mu Badepite b'Intara ya Gauteng yo mu Gihugu cy'Afurika y'Epfo mu Rwanda, ku wa 26 Mata 2018 basuye Ihuriro mu rwego rwo kumenya imikorere yaryo n'uruhare rwaryo mu guteza imbere demokarasi mu Rwanda,.*

Mu kubakira, Bwana JIJUKA Zephrin, Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro wari uhagarariye Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yabashimiye uburyo bahisemo gusura Igihugu cy'u Rwanda, no kuza kwirebera uko inzego zinyuranye zo mu Rwanda harimo n'Ihuriro bikora. Nyuma y'iri jambo ry'ikaze, yabasobanuriye imikorere y'Ihuriro, amategeko arigenga n'uko rikorana n'izindi Nzego.
*Bwana Jijuka Zephyrin,* yababwiye ko Ihuriro ari urubuga Imitwe ya Politiki yunguriranamo ibitekerezo, ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu; igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu; avuga ko ari urwego rufasha mu kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki irigize, kandi rugafasha gukemura amakimbirane no gushimangira imyitwarire ikwiye kuranga Imitwe ya politiki.
Yakomeje asobanurira iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'izindi Nzego, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho; uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa.
Mu bibazo babajije, hari ikijyanye n'uburyo imyanzuro ifatwa mu Ihuriro. Kuri iki kibazo basobanuriwe ko imyanzuro ifatwa hashingiwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.
Ku kibazo kijyanye no gusangira ubutegetsi, basubijwe ko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda riteganya ko uwatsinze amatora, atarenza 50% by'abajya muri Guverinoma kandi ko Perezida w'Igihugu atava mu Mutwe wa Politiki umwe na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite.
Babajije niba Ihuriro ryubahiriza Ihame ryo kwisanzura mu gutanga ibitekerezo; basobanurirwa ko muri iryo Tegeko Nshinga hemejwe ko kugira no kujya inama aribwo buryo buboneye bwo gukora politiki no gushimangira ubwisanzure bushingiye ku bitekerezo binyuranye mu Rwanda.



Hon. MOHATLA TSEKI waje uyoboye izi ntumwa

Uwari uyoboye iyi Delegasiyo Hon. MOHATLA TSEKI, yabwiye abari muri ibi biganiro ko baje gukorera urugendo shuri mu Rwanda mu rwego rwo kwigira ku Rwanda ibijyanye n'imikorere y'Inzego zinyuranye, cyane cyane Inzego z'Ibanze kuko rumaze gutera intambwe ishimishije nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Yashimye ko aho banyuze hose hano mu Rwanda, haba mu Nzego za Leta haba no mu z'abikorera, bigaragara ko bakorera ku mihigo, ibi bigatuma bagera ku ntego biyemeje ku gihe kandi no kubazwa ibyo bakora bikoroha.